**RUFUMBIRA – *Heart Book***

# UMUTIMA W'UMUNTU



COPYRIGHT
ISBN 978 - 1 - 920322 -94 - 6

E-MAIL: info@angp.co.za
**ALL NATIONS GOSPEL PUBLISHERS**
**P.O. BOX 2191, PRETORIA, 0001, R.S.A.**

(A Gospel Literature Mission financed by donations)
(Reg. No. 1961/001798/08)

Copyright. ANGP

UMUTIMA W'UMUNTU
CYANGWA
INDORERWAMO Y'UMUTIMA

UMUTIMA W'UMUNTU
Urusengero rw'Imana Cyangwa Aho Satani ikorera (1 Yohana 3:4-10).

Aka gatabo ntabwo aribwo bwambere bwako bwo kwandikwa. Kamangije kwandikwa mu Bufaransa, hashize imyaka iri kurenga kuri magana abiri, kandi gafashije abantu benshi. N'indorerwamo y'iby'umwuka yo abantu bireberamo mubuzima bw'umutima ingeri yo Imana ubwayo ibureba. Ni benshi babonye ibyaha biri mumitima yabo bamaze kugasoma kandi barabyihana, maze babona umutima n'umwuka bishya.

Buri gusoma aka gatabo, uje wibuka yuko n'indorerwamo yo weho ubwawe woyireberamo. Ube uri umuntu utizera, ukijijwe, utemera ibivugwa mu jambo ry'Imana, cyangwa umukristu wasubiye inyuma, uzasangamo igishushangu cyawe uko imana ibireba. Ireba mumutima w'umuntu.

Satani niwe se w'ibishuba, n'umwami w'umwijima n'imana y'ab'isi. Yihinduramo nka marayika w'umuco nkuko benshi bakibyibwira, kandi ishaka yuko uko umuntu ameze bye kumenywa. Muriki gihe, hari abigisha ibitari iby' ukuri kuri Kristu, nkuko no kuva kare bari bariho. Ibyo ntabwo ari ibitangaza, nkuko Satani nawe yihindura nka marayika w'umucyo. (2 Abakor. 11:13-14). Satani, imana y'iki gihe ahumisha amaso y'imitima y'abantu n'ubwenge bwabo "kugira ngo batabona ubwiza n'agakizak'Imana." Abanyabyaha n'abatizera bose bameze nk'impumyi imbere y'Imana. Bakurikiza imigenzo y'iyisi, bagakurikiza umwami w'ikirere, ariwe mwuka ukorera mu batizera Imana (Abefeso 2:1-2). Amaso yabo adahumutse bakabona ko ari abo kurimbuka, bazishanga bari kurimbuka. Umuntu uvuga ngo ntafite icyaha aba yibesha.

Mugusoma aka gatabo, no kwiga ibishushanyu byako, woshobora kubonamo igishushanyu cy'umutima wawe. Wekuzabuza itara ry'Imana kukumurikira ngo ubone uko umutima wawe umeze. Uyemere ibyaha byawe, utazabyihakana habwokuba ijambo ry'Imana ritubyira ngo: "nitwibyira ngo nta dufite ibyaha tuzaba twibesha, amazima gakaba gataturimo." "Ni twatura ibyaha byacu ni Imana yo kwizerwa kandi yihayeyo kutubabarira ibyaha byacu no kuduha agakiza kayo." (1 Yoh. 1:8-10). "Amaraso ya Yesu umwana wayo adukiza ibyaha byose." (1 Yoh. 1:7). Ube uri uwunvira Imana cyangwa uwunvira Satani; n'ukuvuga ngo uri imbata y'icyaha cyangwa ukorera imana. Niba utegekwa n'icyaha, gitegeka ubuzima bwawe, utabyihakana, ahubwo utakire Imana, nayo yihayeyo kugukiza inyuze muri Yesu Kristu, wazanywe muri iyi si kugira ngo tubabarirwe ibyaha, tuve mumbaraga za Satani zizanywe n'icyaha. Yesu niwe mucunguzi wacu. Ari imbere y' Imana yera ibona ibihishwe byose, ibyo utekereza n'ibyo ukora wihishe. Ntawe woshobora kwihisha Imana, cyangwa kuyihisha ibyo uri gukora. Nkuko uwaremye ugutwi we yaremwa kwunva? Cyangwa uwaremye ijisho yoremwa kureba?

"Kandi amaso y'uwiteka areba isi yose impande zose kugira ngo ahe amani abo bose b'imitima yifata neza ku mana." (2 Ngoma 16:9). "Ireba intambwe yose y'abantu batera. Ntamwijima washobora guhisha umunyabyaha kubonwa n'Imana." (Yobu 34:21-22). "Ariko Yesu ntabwo yabiringiye, nkuko yari abazi bose." (Yoh. 2:24).

"Nokubwicyo, hahirwa abo bose bo ibyaha byabo bibabariwe, abo ibikorwa byabo bibi bibabariwe. Hahirwa umuntu w'Imana itazahora ibikorwa bye bibi kandi udafite ububeshi." (Zab. 32:1-2). (Soma na Zaburi 51). Yesu nan 'ubu arikutwakura ngo, "Mwese abarushe n'abaremerewe ni muze munsange, ndabaruhura." (Mat. 11:28).

J.R. Gschwend.

## 1. UMUTIMA W'UMUNYABYAHA

Iyi shusho yerekana umutima w'umugore cyangwa w'umugabo, utari wakizwa, ukirimuby'isi, wo Biblia yita umunyabyaha. N'ukuvugwa utegekwa n'umwuka w'isi na kamere n'ibyifuzwa by'umubiri. Iri ni ishusho ry'ukuri ryerekana uko Imana ireba mumutima. Gutukuza amaso byerekana ubusinzi, nkuko byanditswe mu Migani 23:29-33: "Ni nde ubonye ishano? Ni nde ufite intongane? Ni nde ufite inguma zitagira impanvu? Ni nde utukuye amaso? Ni abarara inkera; ni abagenda bavumba inturire. Ntukarebe gutukura kwa vino, iri kubira mu gikopu, ikamanuka neza. Bwanyuma yayo iryana nk'inzoka, igatema nk'impri; uzareba ibikezi kezi kandi ntabwo uzatekereza cyangwa kuvuga neza.

Copyright: ANGP




Musi y'umutwe w'iri shusho, mumutima w'umuntu tubona yuko harimo ingeri z'ibisimba bimenyesha ibyaha by'ingeri nyinshi mumutima w'umuntu nkuko umutima niwo mukuru kandi aho ibyaha byacu byororokanira. Imana itubwiza umunwa w'umuhanuzi Yeremiya ngo "Ntamuntu wacenga umutima w'umuntu. Ntakindi kintu gifite ububeshi nkagwo; ufite uburwayi bwinshi butoshobora gukizwa." (Yer. 17:9).

Yesu we wenyine arabihamya avuga ati, "Nkuko kuva munda, ariwo mutima w'umuntu, arimwo ibibi bituruka, bikaba aribyo bidukoresha ibidakorwa; kwiba, gusambana, umururu, hamwe n'izindi ngeri z'ibyaha nk'ububeshi, inyambara mbi, ishyari, umwirato, ibyo byose biva munda y'umutima w'umuntu, maze bikamuhumanya" (Mariko 7:21-23).

Copyright ... ANGP

1. Ikinyoni (Ni ikinyoni gifite ubwiza cyane). Nubwo umuntu wese atagira ubwiza bwici kinyoni. Mazekandi, Rusoferi, uri wabaga marayika mukuru w'ikyererezi, yapfiriwe ubwo bukuru bwe bitewe n'umwirato, abona kuba umwanzi w' Imana – Satani. (Yes. 14:9-17; Ezek. 28:12-17). Umwirato uva mugati y'ikuzimu, gwiyerekana mungeri nyinshi. Bamwe bariratana ibintu byabo, nangwa ubwenge basomye, cyangwa yuko bambaye neza, ibyotuma bagenda berekana imibiri yabo badafite kwiyubaha na gake. Abandi urasanga bambaye imiringa iyomba mumaboko, ibyuma mumatwi, impeta n'ibindi; nkuko byerekanwa neza muri Yes. 3:16-24. Abandi biratana ba sogokuruza babo, igihugu, imigenzo, imikino n'ibindi, bakibagirwa yuko "Imana yanga ibirasi, ahubwo igakunda abikishije bugufi." (1 Pet. 5:5). Imana yanga ubwibone n'ubwirasi (Imig. 8:13). "Kwibona bizana kurimbuka; kandi umutima wirarira uherako ukagwa." (Imig. 16:18).

**2.** Impaya : Ni inyamaswa inuka, ihora irikwirukanga ku nshashi. Ibi byerekana irari ry'umubiri n'ibitekerezo bibi, n'uburaya n'ubusambanyi. Ibyo byaha muribi bihe by'itgerambere, byagez'aho biriyongera. Ibi bituma twibuka amagambo yo Yesu yavuze, dore hashize hafi imyaka ibihumbi bibiri amaze kuvuga yuko imisi iherukayo izamera nk'imisi ya Sodomu na Gomora. Iyi mibereho y'ibyaha ntabwo yafashe ku bagabo n'abagore no mu bemera no mumashuri n'ubutaho bwabo, ahubwo ubu bugome budafite isoni bwinjira mu mitima y'abantu bunyuze mu ntambi z'ibishushanyu, imikino mibi

n'ibyanditswe byigisha ibibi n'ubundi buryo bwinshi. Ibyo Imana yita ibyaha, ab'ubu babyita amajambere y'iki gihe. Urubyiruko basigaye bubaka imibereho yabo mubyo batekereza babivana mubyo basoma no mu ntambi bareba, bikabazanira kuja mubiteye Isoni, bigatuma bakwiye kwihana. Abacinyi b'imikino yo kuntambi, aribo badakurikiza ingeso nziza, ahubwo bagahindura gakondo yacu, usanga urubyiruko aribo bita ab'amani.

Amazu yo kubyiniramo nayo usanga yahindutse ubuko rero bw'ibibi. Intwari z'Imana muby'umwuka, nka Yozefu n'abandi ntabwo Urubyiruko rukibapfaho nk'intwari zo kureberaho (Intang. 39). Ndetse n'aba Zulu y'ibujepfo bwa Afrika, abajaga bicya umuntu wese ukoze ikibi cy'ubusambanyi, bashobora kwigisha ab'iki gihe isomo bigatuma hatabaho gukibwa urubanza. Imana itubwira ngo twe gukinisha iby'ubusambanyi, ahubwo ngo tubwirinde. "Ikindi cyaha cyose kiba kiri inyuma y'umubiri we; ariko umuntu usambana aba akoze icyaha cy'umubiri we. Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z'umwuka wera, ubarimo, uwo mufite uturutse ku mana?

Kandi ntimuri abanyu ngo nwitegeke." (1 Abakor. 6:17-19). "Umuntu uzarimbura urusengero nawe Imana izamurimbura. Nkuko urusengero rw'Imana ari urwera, namwe mukwiriye kuba urusengero rwayo." (1 Abakor. 3:17).

**3.** Ingurube – Ivuga ibyaha biva mu businzi n' umuryo. N'inyamaswa y'umwanda, ifite umuryo gwo kumiragura icyo ibonye cyose aho inyuze, icyanduye n'ikitanduye. Mungeri nk'iyo, umutima w'ibyaha imiragura buri gitekerezo kibi, ibishushanyu n'ibyanditswe bibi n'ibindi. Umubiri ariwo ukwiriye kuba urusengero rw' Imana nzima rwanduzwa n'ibyo bidakwiye n'ingeso zitaboneye nko kuresa nangwa guhekenya ibitabi, gukoresha injaga n'ibindi bintu bibi n'ibijumwa. Ingeso yo kuresha itabi n'injaga bimaze kwonona abantu ikyitaraboneka. Imbaraga z'Imana nizo zonyine zovana umuntu nk'uwo mungeso zo kuresa maze kandi bagakira ububata bwa Satani. Nubwo abantu b'abanyadini batoshobora kureseza mucubako cy'ikanisa, bakakijana nk'ikintu kibi ku mana, usanga badafite isoni yo kwanduza umubiri wabo, ariwo rusengero rushitse rw'Imana. "Ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z'umwuka wera… kandi umuntu utsemba urusengero rw'Imana, Imana nawe izamutsemba." (1 Abakor. 6:19; 3:17).

Umuntu w'umunyanda nini ni ikizira imbere y' Imana. Turyaga ngo tubeho ntabwo tubagaho ngo turye. Inzara yamarwaho n'ibiryo biboneye ariko umuryo guhora gusaba ngo baguhe ibiryo bya buri kanya.

Umuryo ntabwo guzigera guhaga. Mundagano ya kera, umunyamuryo n'umusinzi bajaga babikisha amabuye (Guteg. 21:18-21). "Nkuko umusinzi n'umunyamuryo bazakena, kandi umunyatiro azambara ibishanyu… Ariko umushuti w'ibisambo atera se isoni." (Imig. 23:21; 28:7). Wibuke yuko habayeho umukungu w'umunyamuryo, akunze iby'isi. Amaze gupfa, yagiye ikuzimu mu muriro utazima, yubura amaso nkuko yari mububabare bukomeye. Ibibi bizanwa n'ubusinzi tuvuzeho bikeya. Imana ubwayo itubwira mu jambo ryayo ngo ntamusinzi uzingira mubwami bw'Imana. Inzoga ntabwo ari ibiryo, ni icyokunywa cyo kujabiriza kandi kigahindura ibirohozo bigatuma abo banywa bakora ibitarimo. Baba abakozib'ibibi maze bakica, bagatemura, kandi ubundi batobikoze. "Kunywa menshi bituma uba umunya rugambo n'igipfapfa. Ni ubupfu kunywa ugasinda." (Imig. 20:1). Abo bakora kandi bakagurisha ibishindisha barashinjwa imbere y'Imana. Imana iravuga iti, "Mugushije ishano intwari z'amacupa y'inzoga. Bihindura abahanga mu gutabura ibyo kunywa!" (Yes. 5:22). "Muzashinjwa n'icyaha nimuha bagenzi banyu ibyo kunywa mukabashindisha." (Hab. 2:15). "Mubyishimo by'abo baba bafite inanga, imikuri n'ibindi byogucuranga banywa vino bakebwa umurimo w'Imana, bakibagirwa ibyo yakoze." (Yes. 5:12). "Mutaziyobya, mukaba abasenzi b'ibishuba, abasambanyi, ibitingwa n'abajura – aba bose ntanumwe uzingira mubwami bw'Imana." (1 Abakor. 6:9-10). Dore imirimo ya kamere iragaragara. Niyo iyi: gusambana, nogukora ibiteye isoni kuroga no kwangana, amahane no k'witandukanya, no kwicamo ibice, ishari no gusinda, ibiganiro bibi n'ibindi bisa bico. Abakozi b'ibintu nk'ibyo ntabwo bazabona ubwami bw' Imana. (Abagal. 5:19-21). "Ntukazanywe vino yokukuzambya gusa; a hubwo wuzure umwuka wera." (Abef. 5:18).



Copyright: ANGP

Yesu arararika bose bafite imyota muby'agakiza ati, "ufite imyota wese agomba kuza kurinje akanywa." (Yoh. 7:37,38). "Ufite imyota wese n'aze – hano hari amazi ! Udafite sente naveyo – gura ibiryo urye ! Vayo: gura vino (y'umwuka) n'amata – ntasente wifuza gutanga !" (Yes. 55:1). Uzanywa amazi go ntanga ntabwo azagira imyota ukundi. Ayo mazi nzamuha azaba umugezi muriwe wo kumuha amazi y'ubuzima hamwe n'ubuzima budashira. (Yoh. 4:14).

**4.** Akanyamasyo. Kerekana ubworo, gusibiza gukora icyokozwe uyumusi ukagikora ejo. Kerekana kandi ubufumu n'uburozi, kutizera n'icyaha cy'ubufumu. "Umunyabworo yicwa no kwifuza kubwo kudakoresha amaboko ye. Ahora atekereza icyo yifuza ngo abone." (Imig. 21:25-26). Yosua yari akwiye kubwira Abaisiraeli ati: "Mutagira ubworo bwo kuja guhindura igihugo." Ingeri y'umuntu ifite ubworo no kwigobera mu kubona ibintu by' Imana. Yesu yaravuze ati, "Ukore uko ushoboye kwinjira mu rembo rifundanye." (Luka 13:24). "Ushaka arabona." "…Mbwami bwo mw'ijuru buratwaranirwa." (Mat. 11:12). Ubworo muby'agakiza n'imibereho myiza y'umwuka mubuzima bwacu bugendana no kurimbuka. Butubuza gusenga, butubuza gushakashaka ibintu by' Imana ishaka no kwakira amasezerano y'agaciro y' Imana kandi bukazana kurimbuka. Igihe Imana ivugana nawe, igusaba kuyiha umutima wawe uyumusi, Satani irakwosha ngo uzabikore ejo, cyangwa ugundi musi gwo utoshobora kugeraho; bigatuma upfa udafite agakiza kandi udafite na Kristu. Imana iravuga ngo, "Niwunva ijwi ry'Imana uyumusi, we kubyibuzabuza." (Abaheb. 3:7-8). Ni bangahe bamaze gupfa bizanywe no kurindaho ngo bazakizwa ejo, maze hatagere? Umusi w'ejo ntabwo ari uwawe.

Igikono cy'akanyamasyo gikoreshwa n'aba cunyi mumurimo wo kuroga, maze hano bikerekana icyaha cyo kwimarira muby'uburozi, kuragura n'ubundi bukoryo, aho kwiringira Imana nzima.

Dukunze gutabaza Imana mubihe byo kugeragezwa n'uburwayi, kubabara no gupfirwa abacyu, mumwanya wo kuyizeramo mubihe byiza n'ibibi, nkuko "Imana iratuyobora iyo dukwiye kuja." (Zab. 37:23-24). Hari umuntu wese urwaye? Akwiye gutumaho abibembezi b'urusengero, bamusabire kandi bamusige amavuta mw'izina ry' Imana. Iri sengesho rivuzwe no kwemera rizakiza umurwayi; Imana imugarure mubuzima bwiza, kandi ibyaha yakoze bimubabarirwe. No kubwicyo, mwihane ibyaha byanyu mubibyire bagenzi banyu kandi musabirane, kugira ngo mukizwe." (Yak. 5:14-16). Imana yategetse Abayisiraeli iti, "Mwe kuzatamba abana banyu mumiriro yo kugicaniro cyanu; kandi abantu begukoresha ibyo kuragura cyangwa gukoresha uburozi cyangwa kuja mubyo kuraguza. Kandi mwekuzabemerera kwihabuza ku mizimu y'abapfuye. Imana yanyu yanga abantu bakora ibintu nk'ibi." (Guteg. 18:1012). "Hanze hazaba hari imbwa n'abarozi, n'abasambanyi n'abicanyi, n'abasenga ibishushanyu, n'umuntu wese ukunda kubesha, akabikora." (Ibyah. 22:15). "Mutajaga gushaka ubwenge kubantu bagenda muby' abazimu. Ni mubikora, muzaba ibizira. Ndi Imana yanyu." (Abelewi 19:31). "Maze abantu bazababwira ngo muje mubapfumu. Bazababesha ngo ibyo bakora birashitse. Muzabagarukemo muti, "Umva uko Imana iri kukwigisha! We kuzunva iby'abapfumu. Ibyo bakubyira ntakamaro bizakugirira." (Yes. 8:19,20).

Ubu uri gusoma akagatabo, Imana irikukwakura, ikubyira ngo wihane, uyihe ubuzima bwawe. Ariko umwuka w'akanyamasyo uri mumutima wawe ukaguha ibitekerezo byinshi bikubuza gutekereza igishitse, kandi no kugushiramo ubutinyi. "Aburugo rwanje, inshuti n'abantu bazavuga ngwiki ni mpinduka umukristu? Bizamera bite nintagaruka mu bibyino, mubidandari, n'ibindi byinshi by' isi? Mumwanya wo kureba ubukire buri muri Yesu Kristu, amahoro ye atangaje, ibyishimo muriwe byo utoshobora kuvuga, icyubahiro, ubuzima buhoraho bwuzuye ibyishimo, wowe uhugira mu kureba biriya bintu byo ushobora gupfirwa cyangwa byoshobora gushiraho. Kristu yaraje gukomora abari barakomwe mubuzima bwabo kubwo gutinya urupfu." (Abaheb. 2:15). Umutima wo kwigobera mubyo kwemera ugutera ubugome, umutima wawe ugakomera nk'igikono cy'akanyamasyo.

Copyright: ANGP

**5.** Ingwe: ni inyamaswa ikaze, ifife amahane. Urwango n'umujinya n'uburakari bikunze kwuzura umutima w'umuntu. Ibi bishobora kuzana kwica. Woyirinda kurakara, ukamara igihe gike, ariko bikagaruka nk'umuriro urikugurumira. I cyiza n'ukwimenya yuko ariko umeze, ugasaba Yesu ngo agukize uwo mutima mubi. "Noneho ntimwivakarive." (Intang. 45:5). "Reka umujinya, va muburakari; ntuhagarike umutima, kuko icyo kizana guhagarika umutima gusa." (Zab. 37:8). Uburakari ni bubi kandi burasenya. (Imig. 27:4). Ibiniga byanyu mubikendeze. Nicintu cy'ubupfapfa kugumana uburakari. (Umubwi 7:9). "Ariko none mwivaneho ibi byose: Umujinya, n'uburakari…" (Abakol. 3:8).

Abantu benshi baja kunywa kugira ngo bakore icyo batoshoboye gukora bari bazima. Ariko iyo nzoga imeze nk'ubusabwe bw'inzoka (Guteg. 32:33). Kwiyishurira bibonerera umutima w'umunyabyaha, nyamara Imana yo yaravuze ko ariyo ifite guhora. Yesu yavuze ati, "Ukunde mugenzi wawe nkuko wikunda." "Mukunde abanzi banyu." Imana yadusezera nije kutubabarira ibyahabyacu nitubabarira abandi. Guhorana agahinda no kwerekana umujinya nabyo uwiteka arabyanga. Irari ribi ribyara indwano kandi n'indwano zikamena amaraso naryo riba mumutima w'umuntu. Niyo mpamvu Imana izashira amahoro y'ukuri mumitima yacu, niba dushaka ngo ayo mahoro ahoreho.

**6.** Inzoka … Yashutse Eva mumurima wa Edeni kandi ica kabiri ubumwe n'urukundo umuntu yari afite n'Imana. Satani yagize ishali rya Adamu na Eva, ibonye yuko bari bahawe gutegeka isi kandi bafite gufatikanya n' Imana ubwo Satani yo iviriyemo aho. Kubw'umujinya, satani igira Intego yo kubasenya, kandi irabishobora. Itandukanya ubumwe umuntu yari afitanye n' Imana. Uwo mutima mubi w'ishali n'umujinya mumutima w'umuntu usenya ibyishimo mumitima ya bamwe iyo bameze nabi bakabona abandi bameze neza. Ishali rizana ibitekerezo bibi mumutima, kuzambya ibyishimo by'abandi, kandi byashobora kuvamo ubwicanyi. Ndetse no mubakozi b' Imana, ababurizi naba Pastori ntabwo kabura kugira ishali mugihe Imana ikoresheje uwundi maze we ikamureka. Bagomba guhora bari maso, kugira ngo buzure ubwenge, kugira ngo umurimo wabo utononwa n'umwuka w'ishali wa Satani, Imana iramutse ikoresheje umwe muri bo kurusha abandi.

**7.** Igikere. Kivuga ku byaha by'umururu no gukunda isente aribwo bukomoko bw'ibibi byose. (1 Tim. 6:10). Muri Zaire, habonekayo ubwoko bw'igikere bushobora kurya imiswa myinshi cyane kugeza aho biturika bigapfa. Umuntu w'umururu nta narimwe yosambura intoke ze ngo arekure icyo afite agihereze abakene. Ahubwo agerageza kwishakira ubukungu bw'isi akoresheje uburyo bwiza n'ububi. Nyamara ubutunzi bwe buzaribwa n'inyenzi n'ibimonyo, n'abajura bakabyiba. Ahubwo mubike ubutunzi bwanyu mw'ijuru aho ibyo byose bitazabaho. Aho ubutunzi bwawe buri, niho n'umutima wawe uzaba (Mat. 6:19-21). Akani n'urugo rwe babateye amabuye kubwo gukunda ifeza n'izahabu n'ibyambaro. (Yosuwa 7). Yuda Isikariyoti, umwigisha wa Yesu yarimanitse kuko gukunda sente byatamye agambanira umwami we n'umwigisha we.

Amashiringi n'izahabu ntabwo aribyo bibi, ahubwo urukundo rwabyo rwihishe mu mitima y'abantu nirwo rubi.

Abagabo n'abagore batabarika bo mu nzego zose no mu moko yose basenyesha ubuzima bwabo n'ubw'ababo, irari ribi bafite ryo kwirukanga ku shiringi nyinshi mu gihe gitoya. Usanga bari muri za tombori, yo gukina ngo babone amagoba. Kwifuza gukira utabiruhiye bikunda kuvamo kwica nangwa kwiyahura. Gukunda sente n'umururu kenshi bituma abantu baja muby' ubutegetsi mu dini, bigatuma bita kubutegetsi bw' itorero kuruta ibifatanye n' Imana. Mwene nk'abo ntabwo bameze nk'umwana w' Imana wikiriza muri Kristu adakurikije iby'amandini. (Mariko 9:38). Yesu aravuga ati, "Mwitonde kandi mwirinde kwifuza kose, kuko ubuzima bw'umuntu ntabwo buva mu bwinshi bw'ibintu bye." (Luka 12:15). Umugani w'umukire w'igipfu uvuga ngo: "Habayeho umukire wari ufite itaka ryera imyaka myinshi. Atangira kwibyira ati, 'ntabwo mfite ahantu ho kubika imyaka yanje. Nkoriki? Iki nicyo ngiye gukora,' niko yibyiye; Ngiye gusenya igihunikiro cyanje nubake ikininiho, umwo nzahunika imyaka



Copyright: ANGP

n'ibindi bintu byanje. Maze nzatangira kuja nibyira ngo, umunya mugisha ! Ufite ibintu byiza byose wifuza igihe cyose. Baho neza, urye, unywe, kandi wijajare !' Ariko Imana iramubyira iti, 'wagipfapfawe,! Iri joro nzagukuraho ubuzima bwawe; none ninde uzajana ibi bintu byo wibikiye?' Uku niko bizabera abo barundanya ubukire kubwabo, maze batabufite mu maso y' Imana." (Luka 12:16-21). Umuntu hari icyo azagoba ni yimarira muby'isi maze agapfirwa usuzima bwe? Ntacyo. (Mariko 8:36). "None ndababyira ngo mwegupfayo kubw'ibiryo mwifuza kubaho cyangwa ibyambaro mwifuza kubw'imibiri yanyu… ahubwo mupfe kubifatanye n'ubwami bwe, maze azabaha ibyo byose…. Nkuko umutima wawe uzahora uri aho ubukire bwawe buri." (Luka 12:22-34).

**8.** Satani: Se w'ibinyoma n'abo bose babivuga, niwe utwosha ngo dukore ibyaha, kandi niwe mutegetsi w'umutima. Yesu yaravuze ati, "Muri abana ba so, Satani, maze mugashaka gukurikiza ibyifuzo bya so. Kuva kare yari umutemu, kandi ntabwo yari yabonwaho amazima, nkuko ntamazima amurimo. Iyo abeshe, aba ari guhikiriza uko atewe, nkuko ni umubeshi, kandi akaba se w'ibibesho byose." (Yoh. 8:44). Ikibesho gitoya kingana n'ikinini. Hariho ibibesho bivugwa, byandikwa cyangwa byerekanwa. Indyarya n'umubeshi nkuko yiyerekana kuba uko atari. Imana ntabwo yabesha, maze ntabwo n'umuKristu yabikora (Tito 1:2). "Nituvuga ngo twijatikanije nayo, maze tugatura mu mwijima tuzaba tubesha mu magambo no mubikorwa." (1 Yoh. 1:6). "Hanze hazaba imbwa n'abarozi n'abasambanyi, n'abicanyi, n'abasenga ibishushanyu, n'umuntu wese ukunda kubesha akabikora." (Ibyah. 22:15). Mu bintu birindwi uwiteka yanga harimo: "…ururimi rubesha, …n'umugabo uvuga ibinyoma." (Imig. 6:16-19).

**9.** Inyenyeri: Yerekana umutima-nama mu mutima wa buri muntu. Aha uranduye, wuzuye ibyaha kandi urapfuye kubwo gukomezamo gukora ibyaha; urahumye kandi wuzuye ibyaha, bikawubuza kwitegereza ibyo ukora. Umutima-nama mubi bumwe uraceceka, ubundi ugateganywa. Uraregа mugihe ugomba kubabarira. Ushobora gupfa, nk'uwokejwe n'icuma kiri kwotsa, ukabura kubyiyunvamo kubwo kureka kunvira Imana, bakunvira imizimu ibesha no gukurikiza inyigisho z'abadayimoni, no kunviriza inyigisho z'abaryarya b'ababeshi (1 Tim. 4:1,2; Abaheb. 10:22).

**10.** Ijisho ry'Imana – rireba buri kintu gikorwa mu mutima. Ntakintu gishobora guhishwa imbere y'ijisho rye rimurika hose, kandi no kubwiyo mpanvu, areba ibitekerezo bihishwe byose n'iby'umutima wibyira byose. (Muri aga mashusho, ijisho rishobora kwerekana kandi imimerere yo mu maso y'umuntu).

**11.** Uturimi dutoya tw'umuriro – utwo tarimi tw'umuriro twitoroye umutima twerekana urukundo rw'Imana rwitoroye umutima w'umunyabyaha. Mu by'ukuri, Imana yanga icyaha, nyamara iradukunda, kandi nti yishimira urupfu rw'umunyabyaha, ahubwo ishimishwa n'uko yihana, agakizwa, akabaho.

Yesu yaraje gukiza abanyabyaha. Hari kwishima kwinshi mwi'ijuru igihe umunyabyaha yihanye (Luka 15:7). Utwo turiro dutoya kandi tuvuga amaraso ya Yesu Kristu, "intama y' Imana, ukiza ibyaha byose byo mw'isi." (Yoh. 1:29).


**12.** Umumarayika – yerekana ijambo ry'Imana. Imana irashaka kuvugana n'abo babeshwe maze bakaba bikoreye imigugu iremereye y'icyaha, ngo bahinduke bave mu mibereho y'ibyaha kandi icererezi n'urukundo rw'Imana rwinjire mu mitima yabo.

Copyright: ANGP

**13.** Inuma – ni akamenyetso k'umwuka wera, umwuka uvuga ibishitse kuby' Imana, ibifashe ku byaha n'amazimа afashe ku guca urubanza kw'Imana. (Yoh. 15:26). Umwuka wera urerekanwa hano inyuma y'umutima w'umuntu. Ntabwo umwuka wera ubera aho ibyaha bitegeka.

Niba igishushanyu cy'umutima gisusa n'imbera y'umutima wawe, takira Imana, yikingurire umutima wawe, reka ikyererezi ky'ijambo rye kimurikire umutima wawe. "Emera muri Kristu Yesu uzakizwa." (Ibyak. 16:31). Imana irabyemera, yego, yasezeranije guhindura umutima wawe, ikaguha umutima musha n'ibitekerezo bisha. Ibi birasobanurwa mu shusho rya kabiri.

## 2. UMUTIMA UTSINZWE USHAKA AGAKIZA




Iri shusho ryerekana umutima wihana, utangiye gushaka Imana. Umumarayika afashe inkota, ijambo ry'Imana, "rizima, rifite amani kandi rikagira ubugi buruta ubw'izindi nkota zose, rigahingura, ndetse kugeza mu kugabanya ubuzima n'umwuka, rikagabanya ingingo n'umusokora, kandi rikabangukira kwitegereza ibyo umutima wibyira no kwifuza kwago." (Abaheb. 9:27). Ijambo ry'Imana ryibutsa umuntu ngo "icaha kyishura ibihembo byaco-urupfu." Abanyabyaha n'abatemera bazanagwa mu ngezi yaka umuriro n'amazuku.

Umumarayika afite igihanga cy'umuntu mukundi kuboko. Bimenyesha abanyabyaha ko tugomba gupfa twese. Umubiri wacu wo dukunda cyane, tukawambika, tukawugaburira, tukawurimbisha, tukawureberera no kuwurinda ngu duhaze ibyifuzwa byawo, gugiye kuzapfa no kubora inyo zigurye, mugihe umwuka wacu uzabaho ubugingo bwose, maze umusi umwe uzahagarara imbere ya Kristu, awucire urubanza.


Ahangaha turi kubona umunyabyaha atangiye kwitegereza ubutumwa buri mu jambo ry'Imana, no gukingura umutima we urukundo rw'Imana. Umwuka wera utangira kwaka mu mutima wanduye kubw'ibyaha. Icererezi cy'Imana kija mu mutima we kubinga umwijima wose. Mugihe icererezi cy'Imana kinjiye, umwijima nawo uragenda. Icyaha cerekanywe hano mu ngeri y'inyamaswa zitandukanye, gifite kugenda.

Nokubwi cyo wa musomyi we, emerera Yesu, icererezi cy'isi, yinjire mu mutima wawe maze umwijima n'ibikorwa by'umwijima bigomba kuva mu mutima wawe, nkuko biboneka mu bishushanyo. Yesu yaravuze ngo, "Ndi icererezi cy'isi. Uzankurikira wese azabona icererezi cy'ubu zima kandi ntabwo

azagenda mu mwijima." (Yoh. 8:12). Ntabwo muzashobora kwirukana icyaha mu mitima yanyu kubwanyu, ubwenge bwanyu cyangwa ubw'abantu. Ingeri yoroshe, ishitse, ya vuba yenyine ni kwemerera Yesu, icererezi, kwinjira, maze umwijima arico cyaha kikagenda. Ukwezi n'inyenyeri bishobora kutuyobora nijoro, ariko iyo umucyo w'izuba waje rirasa, umwijima ndetse na byabindi byakaga nijoro bivagenda. Yesu ni izuba ry'ubutungane. Ubwo yagiye mu rusengero Yerusalemu, yirukanye abo bose bari bagurisha no kugura ibintu. Yahiritse amameza yabahinganyi b'isente n'ubutebe bw'abagurishaga inuma, avuga ngo: "Biranditswe ngo Imana yaravuze iti, 'Urusengero rwanje ruzitwa inzu yamashe-ngesho.' Ariko mwewe muri kuruhindura ubwihisho bw'abajura!" (Mat. 21:13).

Umutima wawe waremwe kuba inzu y'Imana, urusengero rwayo. Ishaka kuwubamo, kuwuboneza, kuwuzuzamo umuco, urukundo n'ibyishimo. Yesu ntabwo yaje kutubabarira gusa ahubwo yaje no kudukomora no kuduciza icyana. "Mugihe umwana (Yesu) akanoroye, namwe muzakomororwa." (Yoh. 8:36).

## 3. UMUTIMA WIHANA




Iyi shusho yerekana uko umutima w'umuntu wihana umeze. Areba ubwinshi n'ububi bw'ibyaha bye byo Yesu yapfiriye kumusaraba. Mukureba umusaraba wo marayika, ijambo ry' Imana, amwereka, bihindura umutima we, yibaza kandi no kwihana kubw'ibyahabye byinshi. Mukwitegereza urukundo rukomeye rw'Imana muri Kristu Yesu, urukundo rucencera mu mutima we. Ubwo atangira kusobanukirwa yuko Yesu Kristu, umwana w'Imana yaje kuvanaho ibyaha bye, kuko yemeye kumupfira ku musaraba.

Ukuntu Yesu yakubiswe, akambikwa ikamba ry'amahwa, agashingwa imisumari mu maboko no mu bigere kandi agapfira ku musaraba kubw'ibyaha byacu, byiyereka neza mu muntu wihana, akaherako guhindura umutima we nimikorere ye. Mugihe asoma ijambo ry'Imana, yibonera uko ameze muriyo ndorerwamo, akimenya ukuntu yari yaritandukanije kandi no kugomera Imana. Yumva ashenjaguwe cane, ari nk'umenaguritse imbere y' Imana, maze iyo akinguye umutima we imbere yayo, ararira, arikubabarana agahinda, Yesu aramwegera. Maze urukundo n'amahoro by'Imana bikuzura umutima we, igihe amenya ko "amaraso ya Yesu Kristu, umwana w'Imana, adukiza ibyaha byose." (1 Yoh. 1:7).

ANGP

"Uw'iteka aba hafi y'abafite imitima imenetse, kandi akiza abafite imitima ishenjaguwe." (Zab. 34:18). Hari ahandi Ijambo ry'Imana rivuga ngo "Uwo nitaho ni umukene ufite umutima umenetse, agahindishwa umutsitsi kubw'ijambo ryanje." (Yes. 66:2). Umwuka wera amugarukamo aya magambo ya Yesu ati, "Mwana wanje, igendere, ibyaha byawe urabibabariwe." Uwo munya byaha ahora areba kumusaraba, ahabona amaraso ya Yesu, aki zera yuko ariwe ubwe ibyo byakorewe, akumva yoroherejwe buhoro buhoro umutwano w'ibyaha bye, kuko Yesu ubwe yikoreye imitwano yacu n'imibabaro yacu. Yemera yuko Yesu yababajwe kubera ibyaha byacu, kugira ngo dukiranuke, kandi ko "Uwiteka yamushizeho gukiranurwa kwacutwese. (Yes. 53).

Umwuka wera n'urukundo rw'Imana ureberera umutima uboneye. Agiye kwemera muri Kristu, amenya yuko ibyaha bye bimubabariwe, akamenya neza ko afite umugabane w'agakiza mu mutima we, ko amaraso ya Yesu, umwana w'Imana, yamwogejeho ibyana (1 Yoh. 1:7). Aheraho kumenya yoko buri muntu wemera Yesu ntabwo apfa (mumwuka), ahubwo azabona ubuzima budashira (Yoh. 3:16). "Nkuko urupfu rw'igitambo rwa Yesu rutuma tubohorwa, tukababarirwa ibyaha byacu." (Abef. 1:7). Ibyifuzo by'ibyaha bihora mu muntu bimaze kumuvamo, bagakundira kimwe Imana no kuyikorera, yo "yabangije kudukunda" (1 Yoh. 4:19). Ahogukunda isi hamwe n'ibyiyisi, akunda Imana n'ibintu by'Imana.

Muri iki gishushanyo no kubwico, tubona yuko ibisimba byerekana icaha, biri inyuma y'umutima, nubwo Satani idashaka kuva mu mutima, ari yo yari atuye ubwa mbere, ubwo iri gushaka aho kunyura ngo isubiremo. Niyo mpamvu Yesu atubyira ngo tube, maso kandi dusenge; kurwanya Satani kugira ngo nayo iduhunge (Yak. 4:7).

## 4. UWABAMBANYWE NA KRISTU

Iri shusho rivuga kumukristu umaze kubona amahoro n'agakiza kuva ku rupfu rw'umwami n'umukiza wacu, Yesu Kristu, atagire ikindi yiratana keretse "umasaraba w'umukiza wacu Yesu Kristu; kuko kubw'umusaraba iby'isi bimbera nk'ibibambwe, nanje nkabera iby'iyi si nk'ubambwe." (Gal. 6:14). Yesu yapfiriye kumusaraba kugira ngo natwe dushobore "gupfa ku byaha, maze tubeho mu gukiranuka" (1 Pet. 2:24); ni Umukristu ubambwe ku by'isi. Dutegetswe "kwemerera umwuka kuyobora ubuzima bwacu, tubone kudahaza ibyifuzo byumubiri." (Abagal. 5:16,25).

Inkingi yo Yesu yaziritswe ho bamaze kumuvanamo ibyambaro bye, yerekanwa muri iri shusho ry'umutima, hamwe n'iminyafu yo bamukubitaga ntambababazi. Yabonabonye kubw'ibyaha byacu kuko "turakizwa kubw'igihano yahawe." (Yes. 53:5). Herodi n'abasirikare be baramushinyaguriye maze bamwambika ikamba ry'amashubi kumutwe mumwanya w'ingufiri y'ubwami ikozwe mu zahabu, bamushira urubi ngo mukuboko kwa buryo mumwanya w'inkoni y'ubwami, baramupfukamira, baramushinyagurira bavuga bati, "Ni amahoro, Mwami w'Abayuda!" Bamucira amacire, bazana rwarubingo baramukubita ku mutwe. Bamaze kumushinyagurira, bamujana kumubamba. (Mat. 27:27-31).

Hari benshi biyita Abakristu, bagasenga, bagasembera, bakaririmbira Imana, ariko ibyaha byabo bikagarura Yesu Kumusaraba (Heb. 6:6). "Ntabwo ariko buri muntu unyakura ngo 'Nyagasani, Nyagasani' azingira mubwami bw'ijuru, keretse abo bakora icyo Data wo mw'ijuru ashaka ngo bakore." (Mat. 7:21-27).

Muri irishusho, twongera kubonamo agafuka k'isente zikomoka kuri Yuda, wagambaniye Umwami Yesu akamugurisa ubukere mirongitatu bw'ifeza, kuko urukundo rw'isente bwamujanye umutima, akaba arico atekerezaho gusa. Itara, injegeri, n'ibindi, byakoreshejwe n'abasirikare bajanye Yesu nkumusibe nijoro. Bakoresheje ibyo gufinda mukugira ngo barebe uwo kujana imyenda ye. "Barafinda kubw'imyenda yanje kandi bakayigabana." (Zab. 22:18). Bajanye buri kintu cya Yesu, we ntibamupfaho, bavuga ngo "Ntabwo dushaka uyu Mugabo kutubera umwami."



Copyright: ANGP




Abantu bose bifuza kubona imigisha y'Imana nk'invura n'izuba, ariko ntabwo bashaka gutegekwa n'Imana yenyine. Hariho bamwe bunva ko Imana itariho keretse iyo bageze mu gihe cy'ibyago, cyangwa cy'ubwihebe.

Umusirikare amucumita icumu rye mu rubavu, "ako kanya havamo amazi ateranye n'amaraso." Kandi, isaki itarabika, Petero yari yamwihakanye gatatu imbere y'umugaragu w'umukobwa ariko hanyuma yarihanye arira cane. Mbese uhamya Yesu mu magambo yawe no mubyo ukora? Cyangwa ugira isoni yo kumuvuga imbere y'abantu? Ni yo mpanvu, "Umuntu wese uzampamiriza imbere y'abantu, nanje nzamuhamiriza imbere ya Data mw'ijuru. Ariko uzanyihakana imbere y'abantu wese, nanje nzamwihakanira imbere ya Data uri mw'ijuru." (Mat. 10:32-33).

Copyright ... ANGP

Yesu yongeye kuvuga ati "Kandi utazikorera umusaraba we akankurikira ntabwo akwiye kuba intumwa yanje." (Mat. 10:38). Hahirwa abo babona kurindwa n'urutare, ariwe Yesu Kristu!

"Yesu ni We nihishemo:
Nta cankurah'amahoro;
Yambereye ubuhungiro
Yambere y'ubuhungiro.

Umwami n'igitare gikomeye,
Gikomeye, gikomeye;
Umwami n'igitare gikomeye,
Yamberey'ubuhungiro."
(Indirimbo 167)

## 5. URUSENGERO RW'IMANA




Dore umutima, wogejwe kandi utunganyijwe, w'umunyabyaha umaze gukizwa n'ubuntu hamwe n'imbabazi z'Imana. Gumaze kuba urusengero rushitse rw'Imana, Data, Umwana n'Umwuka wera, nkuko Yesu yabituraganije, "Wese unkunda akunda n'inyigisho zanje. Data azamukunda, kandi data azamuzamo abe nawe." (Yoh. 14:23). Imana ihesha umuntu icyubahiro, ikamuha umugisha kandi ikamushira hejuru muri Yesu Kristu. (Luka 1:52).

Ubungubu, umutima umaze kuba urusengero rw'Imana. Icyaha cimaze kwirukanwa. Mumwanya wa byabisimba byingeri zitari zimwe byibembewe na Satani, se w'ibinyoma, turabona Umwuka wera, Umwuka w'amazima, ubera mu mutima. Mu mwanya wo kuba uburerero bw'ibyaha, umutima umaze kuba igiti cyiza, cyana ibijumwa, cyangwa umurima, wana ibijumwa by'Umwuka nk'urukundo, ibyishimo, amahoro, kwicabugufi, kwitonda, imbabazi, ubwiza, ubwiringirwa, kwireberera n'ibindi bishimisha Imana n'abantu (Abagal. 5:22-23).

Amaze kuba itagi ryaka injumwa cy'umuzabibu gushitse-umwami wacu Yesu Kristu. Igituma uwo muntu ashobora kwera imbuto nyinshi ni uko aguma muri Kristu, kandi Kristu n'amategeko ye aguma muri we. (Yoh. 15:1-10). Nkuko amaze kubatizwa no kwuzura Umwuka Wera, afite imbaraga zo gutsinda iby'isi n'ibyifuzo by'isi, no kubamba umuntu wakera (Kol. 3:9). Ntabwo akiberaho kureba gusa, cyangwa kwumvisha amatwi, cyangwa kwumvisha intoke, ahubwo abeshwaho no kwizera, kuko kwizera Yesu Kristu ariko kunesha iby'isi. Uyu muntu abana n'ibyiringiro bidakuka kandi bikomezwa n'ibyiringiro byiza byo kuzagaruka kw'umwami wacu Yesu Kristu. Abeshwaho n'urukundo rw'Imana ruhoraho iteka ryose, kandi akaguma muri rwo.

"Hahirwa ababoneye mu mitima; bazabona Imana!" (Mat. 5:8). Umwami Dawudi, nubwo yari ari umukungu no gutsinda intambara z'abanzi be, yari azi ko intambara nkuru yaberaga mu mutima we, maze abimenye, arasenga, "Rema umutima wera muri nje, Mana, unsubize no mu mutima ukomeye." (Zab. 51:10). Nta muntu washobora kwiyereza umutima, cyangwa kurema umutima uboneye, keretse yihanye agasanga Imana, nkuko Dawudi yabikoze, asaba Imana kumuremamo umutima mwiza. Imana ishaka kugukoramo icintu gisha. Gusana imyenda yacitse n'iy'ubushwanyu bw'ubwiza bwawe mu masezerano aguye ntabwo bizahindura umutima wawe ubutahiro bw' Imana. Yo yihayeyo kugufasha nkuko yabisezeranije, "Nzagusukira amazi meza nkweze ibibi by'ibigirwamana byanyu byose. Nzabaha

umutima musha n'ibitekerezo bisha. Nzabakuramo umutima ukomeye nk'ibuye, mbashiremo umutima woroshe. Kandi nzabashiramo umwuka wanje, ntume mugendera mu mateka yanjye, mugakomeza n'amategeko yanje, mukayasohoza." (Ezek. 36:25-27). Ubu nibwo butumwa bw'Isezerano Risha Imana yaduhaye kurabira muri Umwana wayo Yesu Kristu.

Muri iri shusho, turongera kubona ko ko umumarayika yagarutse. Abamarayika bafite umurimo wo "Kurinda abubaha Imana no kubarinda ikibi." (Zab. 34:7; Dan. 6:22; Mat. 2:13; 13:39; Ibyak. 5:19; 12:7-10).

Satani nayo irabonwa muri iyi shusho, ari kwiyegeza ku mutima, ashaka ukuntu yowusubiramo, nkuko ariho yabaga bwambere. Kubwiyompamvu, turareburwa ngo "Mube maso, mwirinde! Umwanzi wanyu, Satani, arazerera nk'intare yabira, ishaka uwo kumira." (1 Pet. 5:8). Akenshi yisusanisha nk'umumarayika w'umucyo, ashukisha abizera badashikamye kwifuza kw'iyisi. Aribuzabuza agashobora no kwosha abayoboka kurusha abandi bo mu ntore z'Imana. Nyamara, ni turwanya Satani azaduhungira kure yacu." (Yak. 4:7).

.ANGP

## 6. UMUTIMA WOSHEJWE KANDI WIGABYEMO IBICE




Iri n'ishusho ribabaje ry'umuntu usubiye inyuma. Ijisho rimwe ritangiye guhuma, byerekana gutangira gukonja no gusinzira mu buzima bw'ubukristu bwe, irindi jisho rireba n'isoni, rirarikira iby'isi. Umucyo wari mu mutima gwe wijimye, kandi ibishushanyu mu mutima gwe byari birikwerekana ngo yihayeyo gupfa na Kristu bimaze kugwa hasi, ntabwo bikyihagaze. Ari n'ibigeragezo byo yemera mu mwanya wo kubirwanisha. Umwanya wo kwumva ijwi ry'Imana, yumva irya Satani, imuha amagezi y'uburimanganya n'amasezerano y'ibinyoma. Ashobora kuja kurusengero, ahisha ibyifuzo by'iyisi mu dini ye, ariko urukundo rw'Imana rwakonje mu mutima gwe. Yabuze iyo kwerekera, atangira kuja mu by'iyi si, yibesha gukunda Imana. Inyenyeri yari mu mutima gwe ariyo mutima-nama we igenda izima. Ntabwo akyikorera umusaraba we anezerewe, ahubwo wamuhindukiye umutwaro uremereye atanifuza kwikorera. Kwemera kwe gutangiye guhengama. Areka kuvugana n'Imana mu gusenga, areka no gupfayo gusuzuma uko umutima we umeze. Atangira gukungika n'abanyabyaha gusumba abizera by'ukuri.

Umwuka wa cya kinyoni twabonye, werekana ubwibone urashaka gusubira mu mutima we. Uyu Mukristu wenda yibagiwe ko yakijijwe n'ubuntu gusa, none ahindutse Umukristu w'umwirasi. Ubusinzi burakomanga kurugi, burashaka kwinjira. Kenshi bitangira gakegake, ngo "nta cyaha kirimo," cyane cyane, aherekeranije n'inshutize z'ab' isi, cyangwa yatumiwe ku birori. Aho hose anagirira isoni n'ubwoba bwo kwigaragaza ko atandukanye na bo, cyangwa ko ari udashabutse, cyangwa ko ari kubibuzabuza. Satani imwosha ko inshuro imwe itagira icyo ikora ubuzima bwe bw'umwuka. Atangira kumva ibyifuzo n'intekerezo za kamere. Atangira kuja mu magambo y'amashengo, kwishima kureba ibishushanyo bibi, gukungika nabantu babi, kuja mu bidandari, kureba ibishimisha ab'isi, kuzirikana inama z'ibyaha zivuye kwa Satani, umubesha yuko avigo majambere kandi ngo icyaha kimwe ntabwo ari kibi.

Mu mazima ntabwo twakwirinda ngo inyoni zomugaso zi n'ibitekerezo bibi ngo byekugurukira hejuru y'imitwe yacu, ariko turashinjwa ni tubyemerera kudutegeka no kwarika mu mitima yacyu, zikana injumwa mbi. Nituha Satani urutoke rutoya, azakurura ukuboko kose, akurura umwuka abijane mu muriro utazima. Imana iraturabura ngo twirinde ibyo dukunda mu buto bwacu kandi twe gukinisha icyaha, uko kiri kwose. Irukira Yesu, umurinzi n'umukiza.

Umugabo tubona muri iki gishusho ari gucumita umutima n'inkota, Yerekana abo bahakanya iby'ubu Kristu. Bakoresha indimi n'iminwa mibi gucumita imitima y'Abakristu, guteganishwa ko umutima wigabyemo ibice utashobora kwihanganira. Atangira gutinya abantu kuruta Imana. Gutinya ibyo bazamuvuga n'ibyo bazamukorera bimuhindura imbata y'abantu, kugatuma aja kure y'Imana. Kugwa nabi no kurakara byerekana cyane cyane mu bihe umuntu ababaye cyangwa yahemukiwe kandi bikarwanira kwinjira mu mutima. Cya cyago cy'inzoka y'ishali kigaruka iyo tubonye abandi batunyuzeho cyangwa bakagira ukuboko kwiza. Iyo nzoka mbi y'ishali tuyemereye gatoya, ya kwinjira mu mutima utabizi, ubwo urwango n'ubwirasi bikaba bibonye akanya.

Biroroshe cyane urukundo rw'isente kwinjira mu mitima yacu keretse twumvire guhabura kw'umwami wacyu Yesu ubwo yavuze, "Mube maso, kandi musenge kugirango mutagwa mu kwoshwa." (Mat. 26:41). "Wese utekereza ngo arahagaze yirinde atagwa." (1 Abakorinto 10:12). "Dukwiye kwambara intwaro zose z'Imana, kugira ngo tubashe guhagarara tudatsinzwe n'uburimanganya bwa Satani." (Abef. 6:11-18).

## 7. UMUTIMA WASUBIYE INYUMA CYANGWA W'UMUGOME

Iri shusho ryerekana uko umutima w'umuntu wasubiye inyuma umeze. Uyu muntu yari mumucyo w'Imana kandi amaze kuroza impano y'Imana, akagabana ku Mwuka Wera, hanyuma akava mu nzira nziza. Yerekana kandi uko umuntu utarigeze yihana cyangwa ngo yiyegurire Imana, n'ubwo yoba rarumvise ukuri kw'ubutumwa Bwiza, akabuhishurirwa uko buri… Umuntu wigira umugome iyo Imana ivugana nawe azakomeza kuzamba, nubwo yogerageza guhinduraho.

Yesu ubwe yasobanuye ukwo umuntu usubiye inyuma ameze, avuga ati, "Daimoni, iyo avuye mu muntu, azerera ahadafite amazi, ashaka uburuhukiro, akabubura, akavuga ati: Reka nisubirire mu nzu yanje navuyemo. Yagerayo, agasanga iboneye kandi iteguwe, akagenda akazana abandi badayimoni barindwi bamurusha kuba babi, bakinjira, bakayibamo. Nuko ibyo hanyuma bw'uwo muntu birusha ibya mbere kuba bibi. (Luka 11:24-26). "Ibyabasohoyeho n'iby'uyu mugani wukuri ngo: Imbwa isubiye ku birusi byayo; kandi ngo: 'Ingurube yuhagiwe isubiye kwigaragura mu byondo !' " (2 Pet. 2:22).

Ibyanditswe bisobanura neza umutima w'umuntu usubiye inyuma cyangwa w'umuntu utihana. Icyaha kigarukanye imbaraga zacyo zo kubesha kije kuwuturamo kugira ngo gitegeke uwo mutima. Yeme nomu maso h'uyu muntu haragaragaza uko umutima we umeze. Ya numa icisha make, ari yo Mwuka Wera, igombye gusohoka muri uwo mutima, kuko icyaha n'umwuka wera bidashobora gutura hamwe. Umutima ntushobora kuba urusengero rw'Imana n'isenga rya Satani mu gihe kimwe. Umumarayika,



Copyright: ANGP

ikigereranyo cy'Ijambo ry'Imana, asohokamo ababaye, agenda areba inyuma, yifuje ko uwo muntu yazihana nka wa mwana w'ikirara, wifuzaga kurya n'ingurube ariko ntihagire ubimuha. Nuko yisubiyemo, aribwira ati: Reka mpaguruke, njye kwa data, mubwire nti, "Data, nacumuye Iyo mu ijuru no mu maso yawe, ntibinkwiriye kwitwa umwana wawe." Se abonye ko umwana yihanye, aramubabarira, aramuhembura. (Luka 15:16-20). Umutima muri iri shusho ntakamenyeso werekana ko kwihana, nta no kugarukira Imana, nta no gushaka imbabazi mu bigere bya Yesu. Umutima-nama we umeze nk'uwashiririjwe n'icyuma gishushe cyane, maze ukazima. Afite amatwi, ariko ntiyumva ijwi rya Yesu. Afite amaso, ariko ntabona urwoba rutafite intango rw'ikuzimu rukingutse kubirenge bye. Ntabwo agifite isoni yo gukora ibyaha. Satani atangiye gutegeka umutima gwe kandi yicaye nk'umwami kugitebe cy'ubwami. Kirashoboka yuko ashobora gukomezamo kwirata kubw'icyubahiro kirebeka inyuma, nk'umunya cyubahiro, urebeka nk'umukiranutsi ku mana nk'igituro kyogeswe, "kiboneka ari kiza inyuma ariko munda ari ibigufa n'ingo." (Mat. 23:27).



Ise w'ibinyoma abera mu mwanya warimo umwuka w'ukuri. Buri nyamaswa, buri cyaha iherekejwe n'umudayimoni wihariye, n'umwuka mubi byo muri nwo mutima. Nubwo uyu muntu yoba ashaka kwibohora izo njegeri zimuboshe, zira komeza kumuzirika. "Uwasuzuguye amategeko ya mose, ko atababarirwaga, ahubwo bakamwica, habayeho ubujurizi bw'abantu babiri cyangwa kwiyongeraho. None se ukandagiye Umwana w'Imana, akajoga amaraso y'Isezerano ry'Imana ryamwogejeho icyaha, agahemukira umwuka utanga imbabazi ! Ntimureba ko akwiriye igihano gikabije cyane kiruta bya bindi?" (Heb. 10:28-29). Soma kandi 2 Petero 2:1-14).

Nshuti nkunda, niba ibyerekanwa muri iri shusho bihwanye n'ibyo mu mutima wawe, takira Imana vuba n'umutima wawe wose. Ishobora kandi Irashaka kukubabarira ibyaha byawe byose, mugihe uyijeho ufite umutima wihanye by'ukuri. Sanga Yesu nkuko wa mubembe yamusanze ataka ati "Washaka, wabasha kunkiza." (Mar. 1:40-41). Ariko wowe nukomeza kuba umugome, ugakunda umwijima kuruta umucyo, ntabyiringiro, nta buyambyi, nkuko wahisemo urupfu mumwanya w'ubuzima — "Icyaha kyishura umushara waco – urupfu." (Rom. 6:23).

## 8. AMAHEREZO Y'UMUNYABYAHA




Ahangaha tuvareba umugome w'umunyabyaha warinzeho gukurikira Imana, ageze mugihe cyo gupfa, umubiri we wuzuye kubabara kandi umwuka we wuzuye gutinya gupfa. Urupfu rumuziye igihe yari atabizi. Ibyishimo by'icyaha byagiye, ahubwo agiye kubona ibihembo by'icyaha. Imibabaro y'umuriro atangiye kubona ko ari amazima. Nubwo buno yifuza ngo asenge, ntabwo bigishobotse kuko atabikoze kare. Inshutize zirigutinya guhagarara umusike gw'igitanda cye, kandi kubura amagambo yo kumukomeza bikaba bitamuyamba aka kanya. Ubukire bwe ntabwo bwomwongeraho ikindi kihe cyangwa ngo bukize umwuka we cyangwa bugabanye ububabare afite. Ntabwo ashoboye no gukuvikira Imana nkuko Satani ntabwo yamuha nyu mugisha.


Ibyo yakundaga, akabamo, biramwiguruka, ndetse na wa muyobozi wamuhabishije ntabwo yamufasha nkuko yaretse urukundo rw'Imana none ageze ku gucirwa urubanza. Atangira kumenya yuko "ni igitinyishije kuja mu maboko y'Imana nzima!" (Heb. 10:31).

Yari yiringiraga kwiteranya n'Imana umusi umwe, wenda mugihe agiye gupfa, ariko asanze igihe cyararenze. Abantu batabarika bapfa biziyeho, batabonye umugisha wo kugarukana n'Imana, mugihe bari gusamba. Nuko ni byiza gushaka Imana mugihe bishoboka kuyibona. Muri iri shusho, uyu munyabyaha upfuye amaze gutera umugere imbabazi z'Imana n'urukundo rwayo mu buzima bwe bwose, ntashobora kumva amagambo yokworosha kandi nay'agakiza aturutse ku Mana. Ahubwo yumva ijwi ry'umucamanza we aho kumva iry'umukiza we rimubyira riti "Ni muve aho ndi, mwa bivume mwe, mujye mu muriro w'iteka wagenewe umwanzi n'abamarayika be!" (Mat. 25:41). "Abantu bagenewe gupfa rimwe, hanyuma y'aho hakaba urubanza." (Heb. 9:27).

Copyright ANGP

## 9, UMUTIMA UTSINZE

Irishusho ryerekana Umukristu urwana intambara anesha mu muriro w'ibimugerageza n'amosha. Ageragezwa impande zose, ahora nyamara ashikamye kandi yihangana kugeza ku iherezo, agahora ashaka ngo agere ku nsinzi na Yesu Kristu. "Atumbira Yesu Kristu wenyine, ni we Banze ryo kwizera kandi ni we ugusohoza rwose" (Heb. 12:1-2), yivanyeho ibimuremerera byose, n'icyaha gishobora kumusubiza inyuma, asigara yihanganye mu nzira y'ubu Kristu iri imbere ye.




Satani hamwe n'abadayimoni be bitorora umutima wemera, kugerageza guhabya umwana w'Imana ariko bakaremwa. Umwirato, gukunda sente, ibihagara, n'ibindi nabyo birerekanwa. Mumwanya w'ingwe, buno turareba indogobe, nkuko icyaha gikunze kutuzamo muyindi ngeri, kyikihisha muyindi ngeri cyangwa murindi zina. Ariko Umukristu witegereje amenya ko ari icyaha n'ubwo cyoyija mu ngeri y'idini, malayika w'umucyo nkuko ijambo ry'Imana n'Umwuka Wera biba byamweretse ukuri. Umugabo ufashe igirasi y'inzoga mu kuboko kumwe, ari kubyina yitorora Umukristu, agerageza kumushukisha ibyiza by'iyi si. Ariko ibi ntacyo bitwaye Umukristu wihayeyo, nkuko yapfanye na Kristu mungeri y'icyaha n'ibyiza by'iyi si. Umugabo wa kabiri mugishusho arigucumita Umukristu inkota. Ibitukano, kunegurana, kunyega no kubonabonesha bikorwa abatemera, rimwe na rimwe aribo biyita Abemera, bagahora bacumita uwemera nyakuri. – Ariko ntabwo yumviriza iby'abantu, ahubwo yita ku jambo ry'Imana gusa. Yibuka amagambo ya Yesu. "Murahirwa mwebwe abantu ni babatuka, bakabarenganya bakababeshera ibibi byinshi babampora. Muzanezerwe, muzishine cyane, kuko ibihembo byanyu bibabikiwe mw'ijuru." (Mat. 5:11-12.).

Icyaha cya kamere y'umubiri na Satani biragerageza kuvana Umukristu k'urukundo rw'Imana. Ariko n'ibyishimo kandi ahamije ashobora kuvuga ati, "Ni nde wantandukanya n'urukundo rwa Kristu? Mbese ni imitegano, ibyago cyangwa kurenganywa, cyangwa ni inzara, cyangwa kwambara ubusa, cyangwa kuba mu kaga, cyangwa ni inkota? … Oya, ahubwo muri ibyo byose tugerageza kunesha n'uwadukunze." (Rom. 8:35,37). Amaze kwambara intwaro zose z'Imana, uwizera ashobora gushikama mu misi mibi no kunyura mubigeragezo byose. Ubwo ni bwo natwe dushobora kunesha ku bwa Kristu utuma olukomera.

Inyenyeri y'uwo mutima-nama iraka kandi iranywengerana.

Umutima we wuzuye kwizera n'umwuka wera. Umumarayika, ariwe Jambo ry'Imana, aramwibutsa imigisha myinshi izahabwa bose abazihangana kugera mugutsinda. "Abo bose bazageza nyuma mugutsinda, nzabaha uburenganzira bwo kurya ikijumwa ky'igiti cy'ubuzima, kimera mu murima w'Imana." "Abo bazatsinda ntabwo bazababazwa n'urupfu rwa kabiri." "Abo bazagera mu gutsinda nzabaha kuri manu yahishwe, mbahe n'ibuye ryera, ryanditsweho izina risha ritazwi n'umuntu wese keretse urihabwa." "Buri wese uzatsinda urugamba, kugeza nyuma akora icyo nifuza, nzamuha ubutegetsi nahawe n'Imana data." "Abo bazagera ku nsinzi bazambikwa imyenda yera, kandi ntabwo amazina yabo azakurwa mu gitabo cy'ubuzima. Imbere ya data nabamarayika be, nzatura ko ari

Copyright ANGP

abanje." "Abazatsinda, bazaba inkingi z'urusengero rw'Imana, kandi ntabwo bazaruvanwa mo." "Abo bose bazatsinda, nzabaha uburenganzira bwo kwicarana nanje ku ntebe y'ubwami, nkuko nanje natsinze nkaba nicaye na Data ku ntebe ye y'ubwami." (Ibyah. 2:7,11,17,26; 3:5,12,21).

Umupfuka upfunduwe werekana ko uyu Mukristu yahaye Imana sente ze. Aho kuyasesagura, ari gufasha abakene, atanga amaturo (icya cumi cy'inyingiza ye) n'ibyatunze byose, abiha Imana, kugira ngo agume ayisingiza.

Umugati n'isamake bisobanura ko afite imibereho myiza kandi ko arya ibiringaniye. Ntabwo yiyanduza mu kunywa inzoga zishindisha, cyangwa kurya amaraso y'Inyamaswa, cyangwa ikindi kyokurya kibi cyose. Ntabwo azambya sente ze, kandi ntiyanduza umubiri we arirwo rusengero rw'Imana, mu kurya cyangwa mu kunywa itabi. Kandi ntabwo akoresha ibidagara bitokoza ubwonko, ahubwo arya ibikwiye, biboneye, bifite kirisha. Umutima we umaze kuba inzu y'amasengesho. A ja kurusengero burigihe, ntampamvu imubuza. Akunda gusenga, ari iwe ari wenyine cyangwa ari n'abandi bomu muryango we, kuko azi ko Umukristu atoshobora kubaho atavugana n'Imana mu masengesho.

Kiriya gitabo kirambuwe ni Biblia, asoma kandi yiga buri musi, abonamo ubwenge n'imbaraga n'ubuzima n'umucyo, n'ubukungu bitagira akagero. Biblia yabaye itara ry'ibirenge bye n'inkota arwanisha umwanzi. Imufitiye igiciro kinini, kuko ariyo byokurya bya buri munsi by'umutima we, n'amazi meza amumara imyota, n'umugezi mwiza yiyuhagiramo, n'indorerwamo yireberamo.

Akunda kwikorera umusaraba we, kuko azi yuko nta gihembo kitanyura mu kwikorera umusaraba. Nkuko azi ngo yazutse na Kristu, kandi ngo yenda kugira ubuzima busha, ashira umutima we ku by'ijuru, ibitekerezo bye akanaba ariyo biba atari kuby'iyisi. Yiteguye kubugana n'Imana kandi ameze nk'igiti kimera bugufi n'umugezi, kimera ibijumwa mugihe, akaba nk'itagi ry'umuzabibu w'ukuri, ryana ibijumwa binshi. Ntabwo azi gutinya urupfu, nkuko urukundo rw'Imana rwo yakiriye runynze kumwuka wera, rumaze kwuzura umutima we.

## 10. INJIRA MU BWIZA B'UMUKIZA WAWE

Yesu yaravuze ati, "Ni nje kuzuka n'ubuzima. Uzanyemera wese azabaho, n'ubwo yapfa; kandi uzabaho akanyemera ntabwo azapfa." (Yoh. 11:25-26). "Uzumva amagambo ganje akemera uwantumye atite ubuzima buhoraho. Ntabwo azacirwa urubanza, ahubwo azaba anyuze mu rupfu agiye mu buzima." (Yoh. 5:24). Mu rupfu ntabwo harimo gutinya cyangwa guhanwa kumukristu. "Urupfu ruratsinzwe; Intsinzi tuyigezeho! Warupfu we kunesha kuri he? Wa rupfu we, kubabaza kwawe kuri he?… Imana ishimwe yaduhaye gutsinda inyuze mu mwami wacu Yesu Kristu!" (1 Abakor. 15:54-57).

Umuntu wabaye n'Imana kandi akagenda nayo ntabwo atinya urupfu. Igihe cyogupfa ce nikigera, azagenda yishimye, nkuko intumwa Paulo yabivuze. "Ndashaka cyane kuva muri ubu buzima mbe na Kristu, nkuko ari cyo kintu kiruta byose." (Fil. 1:23).

Umukristu ahora yifuza kureba ku maso ya Yesu, wamupfiriye akishura ideni ry'ibyaha bye kumusaraba. Umwuka wera nawe umwibutsa amagambo ya Yesu, "Ntimugahagarike imitima yanyu; mwizere Imana nanje munyizere. Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi… Nzagaruka mbajane iwanje, ngo aho ndi namwe muzabeyo." (Yoh. 14:1-3). "…Ibyo ijisho ritigeje kureba ni byo ugutwi gutigeze kwumva, n'ibyo batamenya ngo byabaho ni byo Imana yateguriye abo bayikunda." (1 Abakor. 2:9). Nta rurimi muri iyi si rwo umuntu yakoresha gusobanura neza cyangwa kurondora ubwiza bwo mu ijuru bwateguriwe abagendera mu nzira umwami wacu Yesu Kristu yagendera gamo akiri ku isi.

Mu mwanya wa sikeretoni itinyishije, ari rwo rupfu, marayika cyangwa intumwa y'Imana irabonwa muri iki gishushanyu gisembayo. Ategereje kujana umwuka mwiza mu ijuru. Umwuka n'ubugingo bwe byabohowe ku gukomwa kw'umubiri upfa, bigafata ikirere binyura mu marembo



Copyright: ANGP




yuguruwe kugera kuri Yesu umukunda kandi wamupfiriye ku musaraba. Aza kizwa n'ibyishimo imbere y'Imana, aho azaramutswa n'umwami we muraya magambo, "Wakoze mugaragu wanje w'umwizerwa ! Injira twishime hamwe." (Mat. 25:21). Satani ntabwo ikimushoboye, nkuko "Umukene yarapfuye, aterurwa n'abamarayika bamujana kwicara uruhande rwa Aburahamu mu bugeni bwo mu ijuru." (Luka 16:22).

"Numva ijwi mwijuru rivuga viti, "Anadika iki: Hahirwa abo bose bapfa bapfira mu Mwami wacu. Umwuka nawe uravuga uti, 'bazaruhuka imirimo ivunye nkuko bazajyana n'ibivuye mu byo bakoze." (Ibyah. 14:13).

Wowe usoma iyi "Ndorerwamo y'umutima," Imana igufashe guha umutima wawe uwagukunze, nkuko muri nyu mwanya ari kukwiginga, avuga ati, "Mwana wanje, mpa umutima wawe" (Imig. 23:26). Uhe Yesu umutima wawe unaniwe, umutima wawe uhemukiwe kandi ubabazwa, nawe azaguha umutima n'umwuka bisha. Utazemera ngo umutima wawe ugushukishe irari ryawo ngo ukurikize ibyo utekereza,

kuko "Uwiringira umutima we ubwawo ari umupfapfa, ariko ugendera mu bwenge azakizwa." (Imig. 28:26). Reka ibyaha byawe kandi wizirike ku bishitse. "Nkuko ibihembo by'icaha ari urupfu , ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho, muri Yesu Kristu, Umwami wacu." (Rom. 6:23).

Nawe wamaze guha ubuzima bwawe Imana, shikama ku cyo wahawe ku bwo kwemera no ku bw'urukundo bibonerwa muri Yesu Kristu, kubera ibyo Intumwa Paulo ahamya muri 2 Timoteyo 1:12): …"Kuko nzi uwo nizeye uwo ari we, kandi nzi neza yuko abasha kurinda neza kugeza wamusi ibyo namubikishije." Iyubake mu kwemera mu Mana, usabire mu mbaraga z'umwuka wera, ugume mu rukundo rw'Imana, amaso yawe agume kuri Yesu, inzira, n'ukuri, n'ubugingo, umwami wacu uzagaruka kwakira abana be – "Umwami w'abami, Umutware w'abatware."

"Nuko ishobora kubarinda ngo mudasitara, no kubahagarika imbere y'ubwiza bwayo mudafite inenge, ahubwo mwishimye bihebuje, ni yo Mana imwe yonyine, n'umukiza wacu wadukirishije Yesu Kristu Umwami wacu: icyubahiro n'ubushobozi no kuganza n'ubutware bibe ibyayo, kuva kera kugeza ubu, n'iteka ryose, Amen." (Yuda 24,25).

Copyright - ANGP

**A SPECIAL WORD FROM ANGP**
**UN MONDE SPÉCIAL DE L'ANGP**
**UMA PALAVRA ESPECIAL DA ANGP**

**This booklet "The Heart of Man" is available in over 538 languages and dialects spoken throughout the world (Africa, Asia, The Far East, South America, Europe, etc.) Our Heart Book is now also available on cell phones, tablets, etc from www.angp-hb.co.za**

**Le livre du "Coeur de l'homme" peut etre obtenu en plus de 538 langues et dialectes parles dans le monde entier, a savoir: Afrique, Amerique, Asie, Extreme Orient, Europe. Notre Livre du Coeur est maintenant aussi disponible sur votre Telephone cellular, plaques, etc. de www.angp-hb.co.za**

**Este livro "O Coracao do Homem" e obtfdo em mais de 538 linguas e dialectos falados em todo o mundo, a saber: (Africa, Asia, America do Sul, Extremo Oriente, Europa, etc). O nosso Livro O Coração do Homem tambem esta agora disponivel em telefone celular, tablets, etc. de www.angp-hb.co.za**

**The 10 heart pictures contained in this booklet are also available in the form of large coloured picture charts (86 x 61cm) bound together in a set of 10 pictures. These "Heart Charts" can be obtained with European or African features and are particularly suitable to be used in conjunction with the Heart Book for class-teaching, open air evangelization etc. Kindly contact us to ascertain the latest subsidized price of this chart.**

**Les 10 images du coeur qui figurent dans ce livre peuvent etre obtenues en tableaux de couleur, format 86 x 61 cm, avec des physionomies europeennes ou africaines. Ils peuvent etre utilises en meme temps que le livre du coeur pour des classes bibliques, a l'ecole du dimanche ou lors de reunions de plein air. Soyez aimable de nous contacter pour assurer les derniers prix en cours du tableau.**

**As 10 imagens do coracao, contidas neste livro podem ser obtidas num conjunto de 10 imagens em colorido no tamanho de (86 x 61 cm). Estes "Cartazes do Coracao podem ser obtfdos com caracterfsticas Europeias e Africanas e podem ser usados em conjuncao com o mesmo livro em classes de ensino biblico, evangelizacao ou ao ar livre. Agradeciamos que nos contacta- se para confirmacao do ultimo preco dos cartazes.**



**Kindly write to us if you are able to assist us with further translations of our free Gospel literature, informing us of the language into which you could translate this Gospel literature. Your assistance would be appreciated.**

Copyright: ANGP

**If you have found salvation in Christ, or have been otherwise blessed through our Gospel literature, please let us know. We would like to thank God with you, and remember you further in our prayers.**

**Nous vous invitons a nous contacter pour faire des arrangements concernant de nouvelles traductions de notre litterature, nous informant de la langue dans laquelle vous pouvez traduire cette litterature evangelique. Votre aide sera beaucoup appreciee.**

**Si vous avez trouve le salut en Christ ou si vous avez ete beni par notre litterature, nous vous prions de nous le faire savoir. Nous aimerions remercier Dieu avec vous et prier pour vous.**

**Nos vos convidamos a nos contactar, afim de fazer qualquer arranjo concernente a novas traducoes de nossa literatura em outras Ifnguas. Vossa assistencia sera muito apreciavel.**

**Se tem encontrado a salvacao em Cristo, ou se tem sido abencoado por intermedio da nossa literatura evangelica, faca o favor de nos informar. Pois nos gostarfamos de agradecer a Deus juntamente convosco, e lembra-lo sempre em nossas oracoes.**

**For free Gospel literature, books and tracts in over 538 languages, write to:**

**Pour obtenir gratuitement de la litterature evangelique, des livres et des traites en plus de 538 langues, ecrivez a:**

**Para obter gratuftamente a literatura evangelica, livros e folhetos em mais de 538 Ifnguas diferentes escreva para:**

**ALL NATIONS GOSPEL PUBLISHERS**

**P.O. Box 2191**

**PRETORIA**

**0001**

**R.S.A.**

**A Gospel Literature Mission financed by donations**
**Une Mission de litterature evangelique financee de dons**
**Missao de literatura Evanqelica financiada por donativos**

**(Reg. No. 1961/001798/08)**

Copyright. ANGP